REPUBULIKA Y'U RWANDA
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

RAPORO IRAMBUYE Y'AMATORA YO KUZUZA INAMA NJYANAMA Z'UTURERE TWA NYAMAGABE NA NYARUGURU HAMWE NA KOMITE NYOBOZI YA NYAMAGABE NA BIRO YA NJYANAMA YA NYARUGURU

Gashyantare 2018

I. INTANGIRIRO

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nkuko ryavuguruwe kugeza ubu,Komisiyo y'Igihugu y'Amatora niyo ishinzwe gutegura no kuyobora amatora y'Inzego z'Ibanze n'Izihariye n'andi matora atandukanye. Ni muri urwo rwego mu Ntara y'Amajyepfo , mu Turere twa Nyamagabe na Nyaruguru yateguye kandi iyobora amatora yo kuzuza Inama Njyanama hamwe no kuzuza Komite Nyobozi y' Akarere ka Nyamagabe na Biro y'Inama Njyanama y' Akarere ka Nyaruguru.

Ayo matora akaba yarateguwe hashingiwe ku baruwa N0 2224/07.02.03/MD.01.1/17 yo ku wa 21/12/2017 yandikiwe Komisiyo y'Igihugu y'Amatora isaba gusimbura Bwana NGARAMBE Vincent wari Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru no ku barurwa N0 1153/07.02.05 yo ku wa 12/12/2017 yanditswe n'Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamagabe busaba ko hakuzuzwa Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe no gusImbura Umuyobozi wako Karere.Akaba yarateguwe muri Mutarama-Gashyantare 2018

II. IBICE BY'INGENZI BIGIZE IYI RAPORO Y'AMATORA

- Imyiteguro y’amatora yo kuzuza Inama Njyanama mu turere twa Nyamagabe na Nyaruguru hamwe no kuzuza Komite Nyobozi y' Akarere ka Nyamagabe na Biro y'Inama Njyanama y' Akarere ka Nyaruguru ;
- Igikorwa cyo kwakira Kandidatire
- Igikorwa cyo kwiyamamaza mu mirenge yari ifite amatora yo kuzuza Inama Njyanama hatorwa Abajyanama bayihagaraiye mu Nama Njyanama ya Nyamagabe na Nyaruguru ;
- Imigendekere y’amatora nyir'izina yo kuzuza Inama Njyanama mu turere twa Nyamagabe na Nyaruguru hamwe no kuzuza Komite Nyobozi ya karere ka Nyamagabe na Biro y'Inama Njyanama ya karere ka Nyaruguru ;

- Bimwe mu byiza n’Ibibazo byagaragaye mu matora yo kuzuza Inama Njyanama mu turere twa Nyamagabe na Nyaruguru hamwe no kuzuza Komite Nyobozi y'Akarere ka Nyamagabe na Biro y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru ;
- Ibyifuzo byatuma amatora yo kuzuza arushaho gukorwa mu buryo bunogeye buri wese kandi bwihuse ;

1. IMYITEGURO Y'AMATORA YO KUZUZA INAMA NJYANAMA MU TURERE TWA NYAMAGABE NA NYARUGURU HAMWE NO KUZUZA KOMITE NYOBOZI Y' AKARERE KA NYAMAGABE NA BIRO Y'INAMA NJYANAMA Y' AKARERE KA NYARUGURU

Imyiteguro y'amatora yaranzwe n'ibikorwa bikurikira :

- ✓ Gutegura ingengo y'imali y'amatora
- ✓ Gutegura gahunda y'Amatora yo kuzuza Inama Njyanama za Nyamagabe na Nyaruguru
- ✓ Kumenyekanisha amatora yo kuzuza Inama Njyanama za Nyamagabe na Nyaruguru hamwe no kuzuza Komite Nyobozi y'Akarere ka Nyamagabe na Biro y'Inama Njyanama y' Akarere ka Nyaruguru
- ✓ Kugena ibiro by'itora n'ibyumba by'itora bizakoreshwa
- ✓ Gushaka no gushyiraho abakozi bazayobora amatora

1.1 Ingengo y'imari yakoreshejwe mu matora yo kuzuza muri Nyamagabe na Nyaruguru

Ingengo y'imali yagenewe igikorwa cy'amatora igera kuri miliyoni eshatu n'ibihumbi magana atanu cumi na bine na magana atanu (3.514.500 Frs)

1.2 Gutegura gahunda y'Amatora yo kuzuza Inama Njyanama za Nyamagabe na Nyaruguru

Imbonerahamwe ikurikira iragagaraza gahunda y'amatora yo kuzuza Inama Njyanama za Nyamagabe na Nyaruguru

№	IGIKORWA	IGIHE KIZAKORERWA	IMINSI
1.	Gutegura no kwemeza gahunda y'amatora yo kuzuza Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe na Nyaruguru	03-05/01/2018	3
2.	Gushaka no Gushyiraho abakozi bazayobora amatora	08-11/01/2018	4
3.	Kumenyekanisha imyanya izatorerwa	08/01 -08/02/2018	32
4.	Guhugura abakozi bazayobora amatora	07-08/02/2018	2
5.	**Gutanga kandidatire ku bifuza kujya mu nama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe na Nyaruguru**	**11 - 19/01/2018**	**9**

6.	Gusuzuma, kwemeza no gutangaza by'agateganyo Kandidatire z'abifuza kujya mu nama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe na Nyaruguru	22/01/2018	1
7.	Kwemeza burundu no gutangaza Kandidatire z'abifuza kujya mu nama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe na Nyaruguru	24/01/2018	1
8.	Gukorana inama n'Abakandida	25/01/2018	1
9.	**Kwiyamamaza kw'Abakandida**	**26/01 - 02/02/2018**	**9**
10.	Gukora impapuro z'itora no gutegura ilisiti y'itora y'Imirenge ya **Kamegeri**/Nyamagabe , **Kitabi**/Nyamagabe na **Kibeho**/Nyaruguru izatorerwamo	25 - 31/01/2018	7
11.	Gutegura ahazatorerwa no kuhageza ibikoresho ku gihe	02/02/2018	1
12.	**Amatora yo kuzuza Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe na Nyaruguru hatorwa Abajyanama rusange bahagarariye imirenge ya Kamegeri/Nyamagabe , Kitabi/Nyamagabe na Kibeho/Nyaruguru**	**03/02/2018**	**1**
13.	Gutangaza by'agateganyo ibyavuye mu matora yo kuzuza Inama Njyanama z'Uturere twa Nyamagabe na Nyaruguru	06/02/2018	1
14.	Gutangaza burundu ibyavuye mu matora yo kuzuza Inama Njyanama z'Uturere twa Nyamagabe na Nyaruguru	08/02/2018	1
15.	**Amatora yo kuzuza Biro y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru naKomite Nyobozi y'Akarere ka Nyamagabe**	**09/02/2018**	**1**
16.	**Gutangaza burundu ibyavuye mu matora yo kuzuza**	**Bitarenze 12/02/2018**	
17.	Gutegura no gutanga raporo rusange y'amatora yo kuzuza	16/02/2018	

1.3 Kumenyekanisha amatora yo kuzuza Inama Njyanama za Nyamagabe na Nyaruguru hamwe no kuzuza Komite Nyobozi y' Akarere ka Nyamagabe na Biro y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru

Igikorwa cyo kumenyekanisha amatora cyagiye gikorwa ku buryo bukurikira:

- Ibiganiro mu bayobozi b'Inzego zitandukanye : Intara, Uturere, Imirenge , utugari n'imidugudu yari ifite ayo matora ;
- Gutanga ubutumwa mu miganda itandukanye yakozwe mu midugudu ifite ayo matora
- Gutanga ubutumwa mu biganiro bitandukanye byatangwaga ku nzego zitandukanye byahuzaga abantu benshi mu midugudu no mu tugari byari bifite ayo matora ;
- Gukorana inama n'Ubuyobozi bw'Intara , Uturere n'Imirenge mu rwego rwo kurebera hamwe uruhare rwa buri rwego muri ayo matora

1.4 Kugena ibiro by'itora n'ibyumba by'itora bizakoreshwa

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza umubare w'ibiro n'ibyumba by'itora bizakoreshwa muri ayo matora :

AKARERE	UMURENGE	UMUBARE W'IBIRO BY'ITORA	UMUBARE W'IBYUMBA BY'ITORA
NYAMAGABE	Kitabi	5	30
	Kamegeri	6	21
NYARUGURU	Kibeho	6	28
IGITERANYO		**17**	**79**

Iyi mbonerahamwe iragaragaza ko ibiro by'itora bizakoreshwa muri Nyamagabe ari 11 naho muri Nyaruguru bikaba 6.
Ibyumba by'itora muri Nyamagabe bikaba 51 naho muri Nyaruguru ni 28

1.5 Gushaka no gushyiraho abakozi bazayobora amatora yo kuzuza

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza umubare w'Abakozi bahuguwe banayobora amatora yo kuzuza, mu Ntara y'Amajyepfo.

KARERE	UMURENGE	KU RWEGO RW'UMURENGE		KU RWEGO RWA SITE		KU RWEGO RW'IBYUMBA		ABASIMBURA		BOSE		
		Gabo	Gore	Gabo	Gore	Gabo	Gore	Gabo	Gore	Gabo	Gore	Bose
NYAMAGABE	Kitabi	1	1	3	2	69	51	1	4	74	58	**132**
	Kamegeri	0	2	4	2	36	48	3	3	43	55	**98**
NYARUGURU	Kibeho	2	0	1	5	63	49	4	2	70	56	**126**
IGITERANYO		**3**	**3**	**8**	**9**	**168**	**148**	**8**	**9**	**187**	**169**	**356**

Nk'uko byari biteganyijwe, mu Turere twari dufite amatora , hatoranyijwe Abakozi bazayobora amatora yo kuzuza mu nzego zavuzwe haruguru. Abakozi bose bemejwe, bakazayobora amatora yo kuzuza bagera kuri **356.**

1.6 Ibikoresho by'amatora bizakoreshwa

Bimwe mu bikoresho bizakoreshwa igihe cy'amatora

N0	IZINA RY'IBIKORESHO
1	Ballot Box
2	Seals
3	Flip - Shart
4	Tempons ordinaires
5	Tempons specials
6	Scotch
7	Markers
8	Enveloppes Grand Formats
9	Calculators
10	T-Shirts (Ku bari babifite)

11	Caps (Ku bari babifite)
12	Pens
13	Impapuro duplicata
14	Agraffes na Agraffeuses
17	Ciseaux
18	Lisiti y'itora
19	Impapuro z'itora
20	Cachet y'akazi

2.Igikorwa cyo kwakira kandidatire ku bifuzaga kujya mu Nama Njyanama z'uturere twa Nyamagabe na Nyaruguru

Gahunda yo gutanga kandidatire yarubahirijwe kandi igenda neza muri rusange.

Abakandida bemejwe n'Inama y'Abakomiseri ni barindwi (**7)**.

Imbonerahamwe ikurikirakira iragararagaza Urutonde rw'abatanze Kandidatire zabo zikemerwa n'Inama y'Abakomiseri , muri buri murenge

AKARERE	UMURENGE YIYAMAMARIZAGAMO	AMAZINA YOMBI	IGITSINA	ICYO AKORA
NYAMAGABE	**Kitabi**	KABAGANWA Josephine	F	UMUREZI
		NKURIKIYINKA Jean	M	UMUKOZI W'URUGANDA RW'ICYAYI
	Kamegeri	SEZIKEYE Zephanie	M	UMUREZI
		UWAMAHORO Jacqueline	F	UMUREZI
		UWAMAHORO Bonavanture	M	UMUKOZI WA LETA
NYARUGURU	**Kibeho**	MURERAMANZI Jerome	M	RWIYEMEZAMIRIMO
		KABANDA Jean Bosco	M	UMUKOZI WA LETA

3.Igikorwa cyo gukurikirana gahunda yo kwiyamamaza kw'abakandida mu mirenge

Nyuma yo gutanganza lisiti ntakuka y'abakandida bemerewe kwiyamamaza hakurikiyeho igikorwa cyo kwiyamamaza imbere y'inteko z'abaturage mu Mirenge kugira ngo babagezeho imigabo n'imigambi byabo.

Iki gikorwa kikaba cyaragendeye kuri gahunda Abakandida bemeranijwe n'inzego zihagarariye abaturage kugira ngo kigende neza kandi abaturage bakitabire neza .

Iyi mbonerahamwe iragaragaza uko gahunda yateguwe

AKARERE	UMURENGE	AKAGARI	ITARIKI	ISAHA	AHO BIZABERA
NYAMAGABE	**KITABI**	SHABA	26/01/2018	14h00	Centre ya Shaba
		UWINGUGU	26/01/2018	15h30	Ku biro by'Akagari ka Uwingugu
		KAGANO	29/01/2018	14h00	Ku biro by'Akagari ka Kagano
		MUKUNGU	29/01/2018	15h30	Ku biro by'Akagari ka Mukungu
		MUJUGA	31/01/2018	15h00	Centre ya Mujuga
	KAMEGERI	RUSURA	27/01/2018	11h00	Centre ya Rususa
		NYARUSIZA	27/01/2018	11h00	Centre ya Rususa
		BWAMA	30/01/2018	14h00	Ku biro by'Akagari ka Bwama
		KIZI	30/01/2018	15h30	Ku kibuga cya Groupe Scolaire Kizi
		KAMEGERI	31/01/2018	14h00	Ku biro by'Akagari ka Kamegeri
		KIREHE	31/01/2018	15h30	Ku biro by'Akagari ka Kirehe
NYARUGURU	**KIBEHO**	MUBUGA	29/01/2018	14h00	Ku kibuga cya E.P Rubona
		NYANGE	29/01/2018	16h00	Ku kibuga cy'umupira cya Nyange
		KIBEHO	30/01/2018	14h00	Ku biro by'Umurenge wa Kibeho
		GAKOMA	30/01/2018	16h00	Ku kibuga cya E.P Muhora (Gakoma)
		MBASA	31/01/2018	14h00	Ku kibuga cya E.P. Mbasa
		MPANDA	31/01/2018	16h00	Ku kibuga cy'umupira cya Munege

Igikorwa cyo kwiyamamaza kw'abo bakandida mu mirenge cyagenze neza kuko abakandida bose barakitabiriye kandi bakazira igihe ndetse n'abaturage k'ubufatanye n'ubuyobozi bakaba barabyitabiriye ari benshi.

Amwe mu mafato agaragaza uko abaturage bitabiriye gahunda zo kwiyamamaza

4.Ibikorwa by'amatora nyir'izina

Nk'uko gahunda rusange y'amatora yabiteganyaga,taliki 03/02/2018 habaye amatora yo kuzuza ,hakaba haratorwaga abajyanama rusange bahagarariye imirenge ya Kitabi na Kamegeri yo mu Karere ka Nyamagabe na Kibeho yo mu Karere ka Nyaruguru

4.1 **Amatora yo kuzuza Inama Njyanama y' Akarere ka Nyamagabe na Nyaruguru**

a)Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ubwitabire bw'abatoye

AKARERE	UMURENGE	ABAGOMBAGA GUTORA BARI KURI LISTE Y'ITORA			ABATOYE BARI KURI LISTE Y'ITORA				ABATOYE NEZA	IJANISHA	IMFABUSA	IJANISHA
NYAMAGABE	KITABI	Gabo	Gore	Bose	Gabo	Gore	Bose	Ijanisha				
		7653	8228	15881	7517	7988	15505	97.63	15505	100	0	0
	KAMEGERI	3689	5009	8698	3663	4992	8655	99.51	8653	99.98	2	0.02
NYARUGURU	KIBEHO	6096	7779	13875	5891	7551	13442	96.88	13433	99.93	9	0.07

b) Ibyavuye mu matora

Abakorerabushake barahira mbere yo gutoresha

AKARERE	UMURENGE	ABATOYE NEZA	IJANISHA	IMFABUSA	IJANISHA	AMAJWI Y'ABAKANDIDA		
NYAMAGABE	**KITABI**					**AMAZINA**	**AMAJWI BABONYE**	**IJANISHA**
		15505	100	0	0	**KABAGANWA Josephine**	**12533**	**80.83**
						NKURIKIYINKA Jean Nepomuscene	2972	19.17
	KAMEGERI	8653	99.98	2	0.02	SEZIKEYE Zephanie	836	9.66
						UWAMAHORO Josephine	163	1.88
						UWAMAHORO Bonaventure	**7654**	**88.45**
NYARUGURU	**KIBEHO**	13433	99.93	9	0.07	**MURERAMANZI Jerome**	**9161**	**68.20**
						KABANDA Jean Bosco	4272	31.80

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe y'ibyavuye mu matora , mu murenge wa Kitabi mu karere ka Nyamagabe hatowe **Madamu KABAGANWA Josephine ku majwi 80.83%** , mu murenge wa Kamegeri naho mu karere ka Nyamagabe hatorwa **Bwana UWAMAHORO Bonaventure ku majwi 88.45%** , mu murenge wa Kibeho mu karere ka Nyaruguru hatowe **Bwana MURERAMANZI Jerome ku majwi 68.20%.**

Amwe mu mafoto agaragaza ubwitabire mu matora yakozwe ku nzego zitandukanye

4.2 Amatora yo kuzuza Biro y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru hamwe na Komite Nyobozi y'Akarere ka Nyamagabe

Aya matora yabaye taliki ya 09/02/2018,muri Nyaruguru huzuzwaga Biro y'Inama Njyanama y'Akarere hatorwa Perezida naho muri Nyamagabe hakaba haruzuzwaga Komite Nyobozi yako Karere,hatorwa Umuyobozi w'Akarere.

Muri Biro y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru , Perezida watowe yari asanzwe ari Visi Perezida wa Biro y'Inama Njyanama bikaba byarabaye ngombwa ko hahita haba n'amatora ku mwanya wa Visi Perezida

a) Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ibyavuye muri ayo amatora nk'uko byatangajwe

AKARERE	UMWANYA WATOREWE	ABAGOMBAGA GUTORA BAGIZE INTEKO ITORA			ABATOYE BAGIZE INTEKO ITORA				AMAJWI Y'ABAKANDIDA		
NYARUGURU	Perezida w'Inama Njyanama y' Akarere	Gabo	Gore	Bose	Gabo	Gore	Bose	Ijanisha	AMAZINA	AMAJWI BABONYE	IJANISHA
		16	11	27	14	10	24	88.89	**MUNGWAKUZWE Yves**	**21**	**87.5**
									NSHIMIYIMANA Jean Claude	3	12.5
	Visi Perezida w'Inama Njyanama ya karere	16	11	27	14	10	24	88.89	**MURERAMANZI Jerome**	20	83.33
									BAKANTWALI Chantal	4	16.67
NYAMAGABE	Umuyobozi wa karere	211	156	367	206	131	337	91.83	**UWAMAHORO Bonaventure**	**324**	**96.14**
									MUJAWAYEZU Marie Louise	13	3.86

Umuyobozi w'akarere ka Nyamagabe watowe ni **Bwana UWAMAHORO Bonaventure ku majwi 96.14 %.**

Umuyobozi w'akarere ka Nyamagabe Bwana UWAMAHORO Bonaventure akimara gutorwa yahise arahira

Naho Perezida w'Inama Njyanama y'akarere ka Nyaruguru yabaye **Bwana MUNGWAKUZWE Yves ku majwi angana na 87.5 %** , Visi Perezida wahise atorwa ni **Bwana MURERAMANZI Jerome watowe ku majwi 83.33 %**

III. BIMWE MU BYIZA N'IBIBAZO BYAGARAGAYE MU MATORA

III.1 Ibyiza byagaragaye mu matora

Aya matora yagaragayemo ibyiza byinshi byatumye agenda neza muri rusange.

Iby'ingenzi twagarukaho nibi bikurikira:

- Ubufatanye n'inzego zigira uruhare mu migendekere myiza y'amatora
- Habonetse abakandida benshi ku myanya yatorerwaga ;
- Ubwitabire bushimishije mu matora
- Ibikoresho by'amatora byabonekeye igihe cyane cyane impapuro z'itora na liste y'itora, bigezwa n'ahatorerwa ku gihe ;
- Umutekano usesuye mu matora yose yakozwe ;
- Kwiyamamaza byagenze neza imbere y'inteko zitora ;
- Kwemera ibyavuye mu matora kw'Abakandida ;
- Kutabogoma kw'abatoreshaga ku nzego zose ;
- Amatora yakozwe mu mucyo no mu bwisanzure busesuye

III.2 Ibibazo byagaragaye mu matora yo kuzuza inzego z'ibanze n'izihariye

Ibibazo byagaragaye muri aya matora yo kuzuza ntabwo ari byinshi ariko bimwe muri byo twavuga :

- Abakorerabushake bayoboye amatora batarabona inyoroshyabikorwa zabo
- Ikibazo cy'abashinzwe umutekano batajya bagenerwa imodoka zibageza ku biro by'itora mu gihe baba bagiye guhekeza ibikoresho by'amatora .

IV. IBYIFUZO

- Kurushaho kumvisha inzego z'ubuyobozi uruhare rwazo mu migendekere myiza y'amatora no kurushaho gushimangira ubufatanye bwazo hamwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora cyane cyane kubijyanye no guhuza inteko z'itora mu matora aziguye ;
- Hifuzwa ko Abakorerabushake ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora bajya boroherezwa mu nshingano baba bahawe , bakabona inyoroshyabikorwa zabo ku gihe

V. UMUSOZO

Muri rusange , amatora yo kuzuza Inama Njyanama za Nyamagabe na Nyaruguru hamwe no kuzuza komite nyobozi y' Akarere ka Nyamagabe na biro y'Inama Njyanama y' Akarere ka

Nyaruguru yakozwe muri Mutarama - Gashyantare 2018, yagenze neza kandi yaritabiriwe ku buryo bushimishije mu byiciro byose aho yagombaga.

Turashimira cyane abayobozi b'inzego z'ibanze nab'umutekano badufashije kugira ngo ayo matora yitabirwe kandi akorwe neza.

Tukanashimira nanone Abakorerabushake ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ku nzego zose bagaragaje umurava , ubwitange n'ubushake kugira ngo ayo matora yo kuzuza imyanya itari ikirimo abayobozi akorwe neza.

Bikorewe i Kigali, ku wa 22 Gashyantare 2018

Prof.KALISA MBANDA

Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora